**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYARUGURU**
**AKARERE KA MUSANZE**

DISTRICT DE MUSANZE
ACCUSE RECEPTION
DATE D' ENTREE 06/4/2023
SIGNATURE

**Ref: DC** **Musanze, ku wa 06/04/2023**

**Ref: N°....33.../07.04.3.CD 2023**

Province du Nord
Pour réception
Date: 06 APR 2023

Madamu Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru/ **MUSANZE**

**Impamvu :** Inyandiko mvugo y'inama y'Inama Njyanama isanzwe yateranye kuwa 30/03/2023

Madamu,

Nishimiye kubandikira mbagezaho ku mugereka w'iyi baruwa, Inyandiko mvugo y'inama y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Musanze yateranye tariki ya 30/03/20223.

Mugire amahoro.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE

**NDAYAMBAJE Michel**
Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Musanze

**Bimenyeshejwe:**
-Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **KIGALI**
-Umuyobozi w'Akarere ka **MUSANZE**

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y'INAMA NJYANAMA ISANZWE Y'AKARERE KA MUSANZE**

**YATERANYE KUWA 30/03/2023**

Kuwa 30/03/2023 Saa tatu (09h00) ku biro by'Akarere ka Musanze hateraniye inama y'Inama Njyanama Isanzwe iyobowe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Musanze Bwana **NDAYAMBAJE Michel.** Inama yatangiye haririmbwa indirimbo y'ubahiriza igihugu yakurikiwe n'isengesho, umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye ikaze abajyanama bitabiriye inama.

**KU MURONGO W'IBYIGWA HARI INGINGO ZIKURIKIRA:**

1. Kugezwaho inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Musanze yateranye taliki 29/12/2022 n'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yayifatiwemo,,
2. Kugezwaho aho Imihigo y'Akarere n'iteganyabikorwa by'Akarere umwaka 2022-2023 igeze ishyirwa mu bikorwa,
3. Gusuzuma ibyavuye muri za Komisiyo zihoraho z'Inama Njyanama,
4. Utuntu n'utundi.

| INGINGO ZIZWEHO | INYANDIKO MVUGO | IMYANZURO |
|---|---|---|
| **1. Kugezwaho inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Musanze yateranye taliki 29/12/2022 n'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yayifatiwemo,** | -Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere, Madamazela **ITUZE Nicole** yagejeje ku Bajyanama inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama isanzwe yateranye kuwa 29/12/2022.<br>-Umuyobozi w'Akarere Bwana **RAMULI Janvier** yagejeje ku Inama Njyanama ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro yafashwe muri manda yashize (2017-2021), imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama iriho guhera (2022) n'imyanzuro yafashwe mu nama y'Inama Njyanama iheruka. Imyanzuro myinshi ikaba yarashyizwe mu bikorwa.<br>Hari umwanzuro umwe wa KABO Constructors Ltd udashoboka kuberako wo watinze gushyirwa mu bikorwa, wari umwanzuro | -Inama Njyanama yarebeye hamwe imyanzuro y'Inama Njyanama yateranye kuwa 29/12/2022, inama yemeza imyanzuro nyuma yo gukosora umwanzuro numero **051** aho kwandika **Jali Holdings**, hagomba kwandikwa **Jali Investiment Ltd**.<br>-Inama y'inama Njyanama |

| | | |
|---|---|---|
| | w'uko KABO Constructors Ltd yemerewe kubaka ku butaka bw'Akarere buherereye mu murenge wa cyuve, akagari ka rwebeya, umudugudu wa Marantima ukubaka amazu aciriritse (affordable houses) bikaba bimaze imyaka ine ) nta kirakorwa. | yashimye aho imyanzuro igeze ishyirwa mu bikorwa isaba ko Komite Nyobozi yakomeza gukurikirana ibitarashyirwa mu bikorwa harimo n'inyanzuro iba yarafatiwe nu nama z'Inama Njyanama zatambutse.<br><br>**03/2023/054:** Nyuma y'uko bigaragaye ko KABO Constructors Ltd itigeze igaragaza ubushake mu gihe cy'imyaka ine mu gushyira mu bikorwa umushinga wo kubaka amacumbi aciriritse yari yemerewe, Inama Njyanama yemeje ko icyemezo cy'Inama Njyanama numero **047/09/2019/08** cyo guha ubutaka KABO Constructors Ltd kivanyweho, bityo ubuyobozi bw'Akarere busabwa kugena uko ubu butaka bwabyazwa |

MA NJYANAMA Y... MUSANZE

N

| | | |
|---|---|---|
| | | umusasuro hagishijwe inama Rwanda Housing Authority. |
| **2. Kugezwaho aho Imihigo y'Akarere n'iteganyabikorwa by'Akarere umwaka 2022-2023 igeze ishyirwa mu bikorwa,** | Abayobozi b'Akarere bungirije bagejeje ku nama y'Inama Njyanama imihigo y'umwaka 2022-2023 n'aho igeze ishyirwa mu bikorwa hibandwa ku mihigo ikiri inyuma.<br>1.Umuyobozi w'Akarere wungirije ushyinzwe iterambere ry'ubukungu Bwana MPUHWE RUCYAHANA Andrew yagejeje ku nama y'Inama Njyanama aho imihigo ikubiye mu ishami ry'iterambere ry'ubukungu igeze ishyirwa mu bikorwa hibandwa cyane ku mihigo ikiri hasi ya 80% n'imihigo itaratangira.<br>-Imihigo yo mu iterambere ry'ubukungu ikiri hasi mu mihigo y'ubuhinzi ni imihigo (3). Umuhigo wa 2 wo guhinga ingano ukuri kuri 46.41% ariko hari icyizere ko uzeswa kuberako hatangiye season B y'ihinga.<br>-Undi ni muhigo wa 3 w'ifumbire cyane cyane iya KCL+Blends wari ukiri hasi ariko uzazamuka cyane muri iyi season.<br>-Undi muhigo ni umuhigo wo gushakira ubwishingizi igihingwa cy'ibirayi ukiri kuri 22.59%. Hari inama izahuza Akarere n'abahinzi banini, hakaba hari icyizere ko nawo uzazamuka.<br>-Umuhigo ujyanye no kubaka Ikigo cy'urubyiruko ugeze ku kigero cya 72.5% ariko ni umuhigo uzarangira taliki 20/06/2023 kandi imirimo iri kwihuta.<br>-Hari umuhigo umwe bigaragara ko utazeswa wo kubaka ibiraro byari kubakwa ku bufatanye na Bridge to Prosperty kuko umufatanya bikorwa yabwiye Akarere ko batazashobora gukora uyu muhigo muri uyu mwaka.<br>-Umuhigo wo kubaka ibiraro muri Nkotsi na Shingiro uracyari | **03/2023/055:** Nyuma yo kugezwaho aho imihigo y'Akarere ya 2022-2023 igeze ishyirwa mu bikorwa, Abajyanama bashimye ishyirwa mu bikorwa ryayo basaba ko muri iki gihembwe gisigaye hakongerwamo imbaraga nyinshi cyane kugirango tuve ku ijanisha Akarere kariho.<br><br>**03/2023/056:** Inama Njyanama yemeje ko Abajyanama bagomba kugira uruhare rwo gusuzuma bakanasura imihigo y'Akarere kugirango ibitagenda neza bikosorwe. Inama Njyanama izasuzuma imihigo y'Akarere (self evaluation/coaching) mu kwezi kwa gatanu mu |

N

| | | |
|---|---|---|
| | kuri 22%<br>-Imihigo itaratangira: -umuhigo wo kubaka isoko ry'ibiribwa watinze kubera impamvu zitandukanye kandi zizwi ariko kuri uyu muhigo Akarere kahize 20% hakaba hari icyizere ko ushobora kuzahigurwa.<br>-Umuhigo wo kubaka umuhanda wa Gacaca (Karwasa-Shashi-Ruhondo), Akarere kahize 20% nawo ntakibazo uzarangira.<br><br>2.Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'imibereho myiza y'Abaturage Madamu KAMANZI Axelle yagejeje ku nama y'Inama Njyanama aho imihigo ikubiye mu ishami ry'iterambere ry'imibereho myiza n'ishami ry'Imiyoborere myiza igeze ishyirwa mu bikorwa hibandwa cyane ku mihigo ikiri hasi.<br><br>-Yatangiye avuga ko imihigo ikiri inyuma harimo umihigo wo gukingiza Covid urukingo rwa kabiri n'urwa gatatu ku bantu bakuru ko bikigoye ariko ni ugukomeza ubukangurambaga.<br>-Umuhigo wa 39 ujyanye no kugabanya igwingira, uyu muhigo kugira ngo uhigurwe haba MCH week mu kwezi kwa 5 ibipimo bivuyemo akaba aribyo bikoreshwa heswa umuhigo.<br>-Umuhigo wa 48 wo gusana ikigo nderabuzima cya Kabere hari hajemo ikibazo ko batinze gutangira ariko ubu imirimo igeze kure igeze kuri 28% kandi hahizwe 50%, umuhigo uzeswa.<br>- Umuhigo wa 51 wo kubaka ibyumba by'amashuri hari hajemo ikibazo cy'ibikoresho bitangwa na leta byari byaratinze kuza ariko ubu imirimo igeze kure.<br>-Umuhigo wa 68 wo kubakira abarokotse Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda amazu, biri kugenda neza uzeswa neza. | cyumweru cy'umujyanama.<br><br>**03/2023/057:** Inama Njyanama yemeje umwiherero w'umunsi umwe uzahuza Inama Njyanama n'izindi nzego mu kwezi kwa Kane 2023 hagamijwe kwisuzuma no gufata ingamba zirambye zateza Akarere imbere. |

| | | |
|---|---|---|
| | -Umuhigo wo gutanga insimburangingo ugeze kuri 72% ariko Akarere kari kuvugana n'abafatanya bikorwa umuhigo uzeswa.<br>-Umuhigo wa 73 wa Girinka uri kuri 64% nawo uzeswa.<br>-Umuhigo 74 wo gukura abaturage mu bukene uragoye kuko ari umuhigo utagira ingengo y'imari ariko nawo uzeswa.<br>-Umuhigo wa 75 na 76 na 78 ni imihigo ya HSI ikiri mu mutuku ni imihigo igoye nta cyizere ko izeswa.<br>-Umuhigo wa 86 ujyanye no gukemura ibibazo biri muri IDP Model nawo uragoye kuwesa.<br>-Umuhigo wa 93 gukura abana mu bigo bagashyhirwa mu miryango nawo uzeswa.<br>-Umuhigo w'i 100 umuhigo wo gushishikariza ingo zibana zidasezeranye nawo urakomeje nu bukangurambaga buhoraho.<br>-Umuhigo w'i 105 wo kureba umudugudu, akagari n'umurenge w'ikitegererezo nawo uri gukorwaho kandi uzeswa.<br>-Umuhigo w'i 112 ujyanye no gushyira mu bikorwa inama z'umugenzuzi mukuru nawo uri gukorwaho.<br>-Umuhigo wo kugenzura ibigo bishamikiye ku Karere nawo uri gukorwaho ugeze kuri 72% kandi nawo uzeswa.<br>-Umuhigo wi 115 wo kugaruza amafaranga ya leta yatsinze abaturage mu manza kugeza ubu ntago uratangira kubera ko Akarere katarahabwa urutonde rw'abantu batsinzwe bagomba kwishyuzwa.<br><br>3. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Musanze Bwana **KANAYOGE Alexis** yagejeje ku nama y'Inama Njyanama gahunda y'ibikorwa 2022-2023. Muri gahunda y'ibikorwa harimo ibikorwa 231 ibimaze kurangira ni 41, ibyatinze gutangira ni 7, | |

| | | |
|---|---|---|
| | hakaba hari na 15 bitaratangira. Ibyinshi bikubiye mu mihigo y'Akarere. | |
| **3. Gusuzuma ibyavuye muri za Komisiyo zihoraho z'Inama Njyanama,** | Nk'uko bisanzwe imirimo y'Inama Njyanama ikorerwa mu ma komisiyo ahoraho y'Inama Njyanama na Komite y'Ubugenzuzi {Audit Committee}. Abayobozi b'ayo makomisiyo bahawe umwanya ngo bageze ku nama ibyakozwe mu gihembwe.<br>➢ ***Komisiyo y'Imari n'iterambere ry'ubukungu***:<br>Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu yatanze raporo kubyo bakoze mu gihembwe cya gatatu (3) yibanda cyane cyane ku kwezi kwa 3.<br>1.Mu kwezi kwa 03 abagize komisiyo basuye MCCs na MCPs zo mu mirenge ya Muhoza, Cyuve na Nyange. Basanzemo ibibazo bitandukanye aribyo : -Gupfa kw'amata, aho usanga ahanini ari uko abacunda bazana amata agahurizwa mu gicuba kimwe atarapimwa kandi haba harimo ayapfuye akica n'ayandi kandi usanga hari abaturage baba bafitemo ama litiro arenga 400. Abayobozi ba koperative y'aborozi babwiye abagize komisiyo ko bitakunda ko bajya bapima amata y'umuntu umwe kuri umwe kuko igipimo gikoreshwa kirahenda, gusa bavuga ko bafite gahunda y'uko bazajya batanga gahunda y'isaha yo kuzanira amata rimwe bakagenda bakuraho make (sample) bakayapimira hamwe mbere y'uko ahurizwa mu gicuba kimwe.<br>-Gutinda kwishyurwa ahanini usanga ari uko igicuba kiba ari kinini kandi ari ugutegereza ko cyuzura kugirango uruganda rwa Mukamira ruze kuyatwara rubone kwishyura. Ikindi hari igihe usanga amata yapfuye abaturage ntibahabwe amakuru agakomeza gutegereza kandi atazishyurwa. Ikindi uruganda rwa Mukamira ubwarwo rutanga iminsi 15 kuva umunsi rutwariyeho | Akarere kasabwe gusesengura ibibazo byagaragajwe na za Komisiyo bigakemurwa, ibisaba ingengo y'imari bikajya bishyirwa mu iteganyabikorwa uko ubushobozi bubonetse bigakorwa. |

| | | |
|---|---|---|
| | amata kugirango ruzishyure kandi amabwiriza avuga ko bagomba kwishyura mu minsi 7.<br>-MCP yo mu murenge wa Nyange idakoreshwa, mu murenge wa Cyuve mu Gasiza hari MCC ihakorera ikaba ikodesha wazamuka ho gato mu murenge wa nyange hari MCP idakoreshwa (Idle) impanvu idakoreshwa nuko nta cyuma bashyiramo amata kihaba, abagize komisiyo bagiye inama yuko abakorere mu gasiza bajya gukorera muri iyo nzu (MCP) yo mu murenge wa Nyange ariko bakishakamo amafaranga yo kwimuka harimo gushyiramo umuriro nibindi.<br>2. Kuri uwo munsi na none abagize komisiyo basuye umuhanda wa Busogo-Kadahenda-nyagisozi. Basanzemo ibibazo bitatu aribyo :<br>-Umuhanda waritse bakeka ko ari ukubera abantu bacukura amabuye y'agaciro bashobora kuba baracukuye munsi kuko impande zombi z'umuhanda hariho site z'ubucukuzi.<br>-Rigole zidahari, hari rigole zitari ahantu hamwe na hamwe kandi ubona ko zihakenewe ni kubw'iyo mpamvu hari aho abagize komisiyo bagiye bahitamo hakorwa kugirango umuhanda usigasirwe.<br><br>-Amakoni adakoze neza akoze nabi cyane ku buryo iyo imodoka zihahuriye imwe irahagarara indi ikabona gutambuka. Aba tekinisiye bari bajyanye na komisiyo bababwiyeko iryo korosi ryasizwa neza rikaringanira ku buryo imodoka zizajya zinyuramo imwe itabanje guhagarara. | |

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE

| | | |
|---|---|---|
| | ***Komisiyo y'iterambere ry'Imibereho Myiza:***<br><br>Komisiyo y'imibereho myiza yatanze amakuru kubyo bakoze mugihe kigihembwe cya gatatu (3)<br><br>1.Mu kwezi kwa 1 komisiyo yasuye ECDs mu mirenge ya Muko na Kimonyi, mu murenge wa Muko hasuwe ECD yitwa Turere neza ihuza imidugudu 3 abagize komisiyo bahasanze ikibazo cy'amazi aba kure, n'abana nta bikinisho n'imfasha nyigisho bafite, basaba ko buri mudugudu hashyizwemo ECD byababfasha, ikindi basaba ko bakwagurirwa imiyoboro y'amazi mu murenge wa Muko.<br>-ECD ya kimonyi yitwa Itetero/mbugayera naho barifuza ko babona imfashanyigisho n'ibikinisho by'abana.<br>-Abagize komisiyo kuri uwo munsi basuye cold room iri mu murenge wa kimonyi imaze imyaka igera kuri 7 idakora kandi ubonako kuyikora yatwaye amafaranga atari make, abo mu murenge wa Kimonyi bifuje ko akarere kahaha umurenge ugashyiramo aba mama bacuruza imbuto n'imboga hanze y'iyo nzu aho gukorera mu muhanda.<br>-Kuri uwo munsi nanone hasuwe centre de sante ya Kimonyi, abagize komisiyo basanze ahantu Centre de Sante iri ari hatò kuburyo bashatse kwagura ntago babona aho bagurira.<br>-Abaturage batuye mu kagari ka Birira mudugudu w'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi basabye ko bishobotse bahabwa ishuri ry'inshuke kuberako abana babo bajya kwiga kure cyane.<br><br>2.Mu kwezi kwa 02 abagize komisiyo basuye post de sante zo mu | **03/2023/058:** Inama Njyanama yemeje ko umwarimu Niyonzima Emmanuel yishyurwa amafaranga ari ku ifishi y'ibirarane by'imishahara angana n'ibihumbi magana tanu makumyabiri na birindwi n'amafaranga magana arindwi na mirongo irindwi n'abiri (527,772frw). |

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE
REPUBULIKA Y'U RWANDA

| | | |
|---|---|---|
| | mirenge ya Nyange na Gacaca.<br>-Post de sante ya Nyange/ mukagari ka Kamwumba yubatse neza kandi ni nziza ariko inyuma yayo ni hato ntaho gucukura ingarane hahari, ikindi yuzuye mu kwezi kwa 5 ariko kugeza ubu ntabwo iratangira gukora.<br>-Mu murenge wa Gacaca hasuwe post de sante zo mu kagari ka Gakoro nebyiri imwe ikorera mu biro by'Akagari indi igakorera mu model village ya gakoro. Post de sante iri muri model village ntabwo igikora kubera ko rwiyemezamirimo yasezeye kuko nta barwayi bayivurizagaho ahubwo bose n'abatuye mu mudugudu bajya kwivuriza kuri post de sante ikorera ku kagari. Abagize komisiyo bifuje ko iyi post de sante yo muri model village yakoherezwaho umukozi uvuye kuri centre de sante aho kuhaha rwiyemezamirimo.<br>3.Mu kwezi kwa 3 abagize komisiyo bahuye n'abayobozi b'amashami y'imibereho myiza barebera hamwe imihigo y'Akarere na gahunda y'ibikorwa biri mu mibereho myiza.<br><br>Komisiyo y'imibereho myiza kandi yagarutse ku kibazo kimaze igihe cy'umwarimu witwa Niyonzima Emmanuel usaba akarere ka Musanze kumwishyura ibirarane by'imishahara n'amashimwe atahawe, bifuza ko hafatwa umwanzuro kikava mu nzira.<br>Basabye ko hafatwa umwanzuro ko Niyonzima Emmanuel yakwishyurwa amafaranga angana na 527,772 y'ibirarane by'imishahara nk'uko bigaragazwa n'ifishi yabariweho ibirarane iri muri dosiye ye. Uyu mwarimu we yishyuza arenga 1,200,000 frw, ariko aya avuga ntabwo agaragara ku ifishi ye, ni ayo yibarira, andi ari ku dufiche tw'umuyobozi w'ikigo. Bityo ayo Akarere | |

kemera nk'ibirarane ni 527,8882 frw, n'ubwo Akarere kavuga ko yayishyuwe, ariko byagaragaye ko atigeze agera kuri konti ya mwarimu Niyonzima Emmanuel, bigaragazwa n'agatabo yahemberwagaho muri UCT.

- ***Komisiyo y'Imiyoborere Myiza:***

Komisiyo y'imiyoborere myiza yatanze raporo kubyo bakoze mu gihembwe gishije cya gatatu (3),

1.Mu kwezi kwa 3 abagize komisiyo barateranye barebera hamwe imihigo na gahunda y'ibikorwa, na gahunda yo kwibuka Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda 1994 kunshuro ya 29.

2. Mu kwezi kwa 2 abagize komisiyo basuye umurenge wa Nyange basanga hari abaturage bakorera muri centre ya Ndabanyurahe batanga ipantante itandukanye kandi bari muri centre imwe ariko bakaba bari mu tugari dutandukanye. Basabye ko Tariff yahuzwa bakishyura amafaranga anagana.

- Komisiyo yasanze inyubako y'umurenge wa Kinigi irava.

- Zone ya Kinigi ikeneye imbangukiragutabara yo mu gice cya Kinigi, Nyange na Musanze kuko iyabashaga yashaje

-Ikindi n'ikibazo cya IDP Model iva cyane ni ugushaka icyakorwa kuko abaturage babivuze kuva cyera.

-Ikindi ni ikibazo cya internet ishira mbere ya masaha ya kazi kandi Akarere kari kavuze ko cya kemutse.

| | | |
|---|---|---|
| | ***Komite ngenzuzi{Audit Commitee}:***<br><br>1. Abagize Komite Ngenzuzi bakoze inama y'igihembwe cya 3 bahamagaza abanyamabanga nshingwabikorwa bo mu mirenge n'abakozi bo mu karere bakora bakanakurikirana gahunda ya VUP baganira ku bibazo bigaragaramo biri mu bice bibiri ahanini usanga ari ibibazo bisa n'uburangare:<br>- Inguzanyo zitangwa ntizigaruzwe kuko nta muntu uba yabikurikiranye ngo ajye gushishikariza abaturage kwishyura cg ngo akurikirane imishinga y'abaturage niba koko ibyara inyungu.<br>- Ikindi kuba hari amafaranga akiri kuri Sacco kandi yagakwiye kuba ari kuzenguruka akoreshwa n'abaturage batandukanye abyazwa inyungu anabasha gutera imbere.<br>- Kunyuranya n'amabwiriza, mu busanzwe kugirango umuntu abone amafaranga bigomba kuba byaciye muri komite bikemezwa ariko hari imirenge usanga nta komite bafite n'abazifite ntibazikoresha, Abagize komite hari aho basanze hari abahabwa amafaranga kandi batabikwiriye, hari na za cooperatives amabwiriza avugako inyuzanyo zabo zigomba kwemezwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ariko nta n'imwe yemereye kandi ugasanga mu mirenge barayabaha.<br><br>2. Abagize komite ngenzuzi kuri uwo munsi basesenguye procurement na contract management mu karere no ku mashuri. Iyo raporo imaze gusesengurwa hatumizwaho abo bireba bakabiganiraho. Ibigaragaramo cyane cyane ni ukudasobanukirwa no kunyuranya n'amabwiriza. | |

M

| | | |
|---|---|---|
| | Mu mashuri cyane cyane usanga batazi amategeko ya procurement, abagize komite bemeje ko bazahamagaza bamwe mubo bireba mu gihembwe gitaha babiganireho bumve ubusobanuro batanga. | |
| **5. Utuntu n'utundi** | **1. Gahunda yo kwibuka kunshuro ya 29 Jenoside yakorewe abatutsi**<br><br>Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage yagejeje ku nama gahunda y'icyumweru cyo kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe abatutsi na gahunda y'iminsi 100 mu karare ka Musanze. Abajyanama basabwe kwitabira gahunda zose ziteganijwe muri iyo minsi.<br><br>2. **Gahunda yo gukura mu bukene abaturage (graduation strategy)**<br><br>Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage yagejeje ku nama nshya igamije gufatanya n'abaturage kwikura m'ubukene mu buryo burambye, ubushakashatsi bwakozwe mu 2017 bwagaragaje ko ubukene bwiyongereye cyane mu baturage kubera kumenyera gufashwa na leta ibintu byose kandi igihe kirekire hagendewe ku byiciro by'ubudehe. Muri gahunda nshya, Akarere kazajya gakorana n'abaturage gashaka ko bazava mu bukene hanyuma bakamenya ubushobozi bafite noneho bakabahuza na mahirwe ahari hanyuma bagasinyana n'Akarere amasezerano y'imyaka 2 nyuma y'iyo myaka akava mu bafashwa na leta bakabaho nk'uko abandi baturage babayeho. | |

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE

| | | |
|---|---|---|
| | 3. **Kuremera umuturage urimo kubakirwa n'Inama Njyanama y'Akarere**<br>Inzu irimo kubakirwa umuryango utishoboye ku nkunga y'abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Musanze izatahwa mu cyumweru cy'umujyanama mu kwezi kwa gatanu 2023. Abajyanama biyemeje ko mu rwego rwo kuremera uyu muryango ibikoresho bitandukanye byo munzu harimo n'ibiribwa, buri mujyanama azatanga ibihumbi 35,000 mu mpera z'ukwezi kwa kane 2023. | |

Inama yasoje imirimo yayo saa munani (14h00) Perezida w'Inama Njyanama ashimira abitabiriye inama n'ibitekerezo batanze.

**Umwanditsi w'Inama:**

**ITUZE Nicole**
**Umunyamabanga w'Inama Njyanama**
**y'Akarere ka MUSANZE**

**Umuyobozi w'Inama:**

**NDAYAMBAJE Michel**
**Perezida w'Inama Njyanama**
**y'Akarere ka MUSANZE**

**LISITI Y'ABAJYANAMA B'AKARERE KA MUSANZE BITABIRIYE INAMA NJYANAMA ISANZWE YATERANYE TARIKI YA 30/03/2023**

| N0 | AMAZINA YOMBI | ICYO ASHINZWE | UMUKONO |
|---|---|---|---|
| 01 | Michel Ndayambaje | Chairperson | [signature] |
| 02 | Athanase GASIRABO | V/Chairperson | [signature] |
| 03 | BIMENSIMANA Faustin | Member | [signature] |
| 04 | Mubinmpoyi Eugenie | Member | [signature] |
| 05 | SAFARI Djumapili | Member | [signature] |
| 06 | MUKANYIRIMAZI Adell | Member | [signature] |
| 07 | MUKANISI Florence | Member | [signature] |
| 08 | RWAYAHANA Andrew Mpuhwe | Member | [signature] |
| 09 | KAMANZI Axelle | Member | [signature] |
| 10 | ABAYISENGA Emile | Member | [signature] |
| 11 | Ituze Nicole | Secretary | [signature] |
| 12. | GASANA Neoleaste | Member | [signature] |
| 13. | RAMULI Januel | Member | [signature] |
| 14. | MUKAMUGIRIWA Marie Janvière | Member | [signature] |
| 15. | Nyiramariba M. Clemence | Member | [signature] |
| 16 | NYIRAMUGISHA Denyse | Member | [signature] |
| | | | |
| | | | |
| | | | |